RAPORO KU BYAVUYE MU MARUSHANWA Y'IMIYOBORERE MYIZA UMWAKA WA 2010-2011

I. Intangiriro

Mu rwego rwo guteza imbere imiyoborere myiza no gushishikariza uturere gushimangira iyo politiki, Urwego rw'Umuvunyi rwateguye ku ncuro ya kane amarushanwa ku miyoborere myiza yitabirwa n'uturere, akaba akoreshwa muri gahunda y'ibikorwa byahariwe icyumweru cyo kurwanya ruswa kiba mu kwezi kw'Ukuboza kwa buri mwaka kigasozwa kuwa 09 Ukuboza ari nawo munsi mpuzamahanga wahariwe kurwanya ruswa.

Ayo marushanwa yateguwe mu byiciro bibiri: mu cyiciro cya mbere buri karere kazuzaga imbonerahamwe y'ibibazo kashyikirijwe ku gihe, mu cyiciro cya kabiri Urwego rw'Umuvunyi rukazagenzura niba ibyujujwe n'uturere bifite ibipimo bifatika. Akarere kasabwaga kuzuza imbonerahamwe, kerekana ibyagezweho n'ibibigaragaza bishingiye ku ngingo enye ngenderwaho ari zo imiyoborere, ubugenzuzi, imitangire y'amasoko n'imenyekanishamutungo, hakiyongeraho n'udushya Akarere kagezeho mu rwego rwo kurwanya ruswa.

Akarere kamaze kwikorera igenzura kagashyikiriza ibisubizo byanditse Urwego rw'Umuvunyi ku gihe kahabwaga amanota 30 (mirongo itatu), igenzura rikozwe n'Urwego rw'Umuvunyi rigahabwa amanota 70 (mirongo irindwi). Muri aya manota 70 (mirongo irindwi), amanota 20 (makumyabiri) yaharirwaga udushya mu kurwanya ruswa.

II. Ibyavuye mu marushanwa

Uturere twose uko ari mirongo itatu twashyikirijwe ibyangombwa byose ku gihe kugira ngo tubashe kujya mu marushanwa nyamara hari uturere umunani tutagaruye inyandiko twashyikirijwe bityo tubona zero muri icyo cyiciro. Utwo turere ni Rusizi, Bugesera, Gasabo, Musanze, Karongi, Kirehe, Nyagatare na Rwamagana. By'umwihariko Akarere ka Rwamagana kanze ko Urwego rw'Umuvunyi rugakorera igenzura.

Ibyavuye mu marushanwa ni ibi bikurikira:

UKO UTURERE DUKURIKIRANA MU MARUSHANWA Y'IMIYOBORERE MYIZA

UMWANYA	AKARERE	AMANOTA YO KUZUZA NO KUGARURA INYANDIKO /30	AMANOTA Y'IGENZURA /50	AMANOTA Y'UDUSHYA /20	IGITERANYO CY'AMANOTA /100
1	GISAGARA	30	42	15	87
2	NYAMASHEKE	30	41	15	86
3	KAMONYI	30	40	15	85
4	RULINDO	30	39.5	14	83.5
5	GATSIBO	30	39	14	83
6	NYARUGENGE	30	40.5	12	82.5
7	KICUKIRO	30	40	12	82
8	NGORORERO	30	39.5	12	81.5
9	BURERA	30	40	11	81
10	NYABIHU	30	38	12	80
11	HUYE	30	36	12	78
12	NYAMAGABE	30	37	10	77
13	NYARUGURU	30	34	12	76
14	RUTSIRO	30	35	11	76
15	GICUMBI	30	35	11	76
16	RUBAVU	30	35	10	75
17	KAYONZA	30	34	10	74
18	RUHANGO	30	33	10	73
19	MUHANGA	30	30	12	72
20	NGOMA	30	30	10	70
21	GAKENKE	30	25	11	66
22	NYANZA	30	20	10	60
23	RUSIZI	0	41	13	54
24	BUGESERA	0	40.5	10	50.5
25	GASABO	0	40	10	50
26	MUSANZE	0	39.5	10	49.5
27	KARONGI	0	30	10	40
28	KIREHE	0	30	10	40
29	NYAGATARE	0	30	10	40
30	RWAMAGANA	0	0	0	0

III. Icyagaragaye

Uturere twa Gisagara na Nyamasheke twakomeje guharanira kuba ku isonga mu miyoborere myiza ndetse no kongera ibikorwa bigamije gushimangira gahunda yo gukumira no kurwanya ruswa;

Akarere ka Kamonyi kateye intambwe ishimishije kuko mu mwaka ushize wa 2009-2010 kari ku mwanya wa 16 none ubu kari ku mwanya wa 3;

Akarere ka Gatsibo, mu mwaka ushize kari ku mwanya wa 26, ubu kari ku mwanya wa 5;

Akarere ka Nyarugenge kari ku mwanya wa 27 umwaka ushize, ubu kari ku mwanya wa 6;

Akarere ka Rutsiro mu mwaka ushize kari ku mwanya wa 30, ubu kari ku mwanya wa 14;

Akarere ka Nyamagabe mu mwaka ushize kari ku mwanya wa 25, ubu kari ku mwanya wa 12;

Hari kandi n'utundi turere twabashize gutera intambwe ugereranyije n'umwaka ushize. Aha twavuga Akarere ka Rulindo, Kicukiro, Kayonza, Huye, na Gicumbi.

Byagaragaye kandi ko hari uturere twasubiye inyuma ahanini bitewe no kutubahiriza gahunda z'Urwego rw'Umuvunyi, aha twavuga kutikorera isuzuma no kugarura inyandiko nk'uko byavuzwe haruguru. By'umwihariko, Akarere ka Rwamagana kaje ku mwanya wa nyuma bitewe n'uko katigeze kikorera igenzura ngo kagarure inyandiko ku Rwego rw'Umuvunyi kandi ntikemereye abakozi b'Urwego kugakorera igenzura; ibi byatumye gahabwa zero muri buri cyiciro bityo kaza ku mwanya wa nyuma.

IV. Udushya twagaragaye mu kurwanya ruswa

Muri rusange, uturere twaje ku isonga twakomeje gushimangira no gushyira imbaraga mu bikorwa byatangijwe umwaka ushize. Akarere ka Gisagara kongerereye ubushobozi impuruza bagurirwa telefoni kugeza ku rwego rw'akagali, muri aka karere hanakozwe *Films documentaires* zikangurira abaturage kurwanya ruswa, zerekanwa igihe cyose habaye inama y'abaturage. Hari ibiganiro bitangwa kuri RC Huye n'ikinyamakuru byose bikangurira abaturage kumenya uburenganzira bwabo no kwirinda ruswa.

Mu Karere ka Nyamasheke, buri mukozi wese yahigiye kurwanya ruswa mu mihigo ye y'umwaka. Hashyizweho kandi inteko y'akarere aho abayobozi bose barahiriye imbere y'abaturage guca ukubiri na ruswa bagaharanira gutanga serivisi nziza. Muri buri masezerano akarere kagirana na ba rwiyemezamirimo harimo *Clause anti-corruption.* Hari kandi ikinyamakuru gishishikariza abaturage kumenya uburenganzira bwabo.

Mu Karere ka Nyabihu, igitaramo cy'imihigo mu kurwanya ruswa cyarakomeje aho abayobozi barahirira abaturage kutazabaka ruswa, gutanga serivisi nziza baharanira icyabateza imbere abo bayobora.

Mu Karere ka Ngororero Film yo kurwanya ruswa yakozwe umwaka ushize yakomeje kwerekanwa mu mirenge igize ako karere, hanakorwa ibiganiro kuri radio bishishikariza abaturage kumenya uburenganzira bwabo no kurwanya ruswa.

Mu tundi turere, ahenshi hashyizweho komisiyo zishinzwe kurwanya akarengane, imirongo ya telefoni itishyurwa mu rwego rwo gufasha abaturage kudasiragira mu gihe hagaragaye akarengane na ruswa.

V. Umwanzuro

Turashima uturere dukomeje kugaragaza ubufatanye muri iyi gahunda yo guteza imbere imiyoborere myiza no kurwanya ruswa. Turashishikariza kandi uturere gukomeza gushyira imbaraga mu bikorwa bigamije kurwanya ruswa no gukomeza gutekereza ku tundi dushya twafasha muri uru rugamba rwo guhashya ruswa mu gihugu cyacu.

Turasaba kandi abayobozi b'uturere gushyigikira no kunoza imikorere y'inama ngishwanama yo kurwanya ruswa mu karere kuko byagaragaye ko ahenshi iyo nama ngishwanama idakora kandi biteganyijwe ko izo nama zigomba kugera mu mirenge mu gihe cya vuba.

"Ba inyangamugayo, wange ruswa"